

Mu gihe ugiye mu bikorwa rusange, abana bawe bato ntibagomba gusigara mu rugo bonyine. Niba ufite ikibazo kubirebana n'ibikorwa rusange, gusa Ubuyobozi bukwegereye, Abafashamyumvire, n'Abajyanama b'ubuzima bakwegereye.



ABABYEYI BAFITE ABANA BATO BASHYIRIWEHO IRERERO AHARI IBIKORWA RUSANGE



unicef   care


Vision 2020 Umurenge Programme (VUP) ni gahunda y'igihugu igamije gufasha imiryango ikennye kurusha iyindi mu Rwanda. VUP igenera ibikorwa rusange abakennye cyane kurusha abandi bashoboye gukora.

Amafanga atangwa binyuze mu bikorwa rusange yagenewe gufasha mu mibereho myiza y'umuryango wawe. Ni ngombwa cyane ko imiryango yita ku bana bakiri bato. Mu gihe abana bakiri hagati y'imyaka 0-3, baba bameze nk'imbutu zizakura zikaba ibiti birebire kandi bikomeye byera imbuto nyinshi, nuzitaho neza.

- Ite ku mubyeyi utwite, akeneye kuruhuka neza akanarya indyo yuzuye.
- Ganiriza, unarimbire uruhinja kugira ngo rwige ijwi ry'ururimi rwacu n'umuco wacu. Impinja zishobora kumva kuva umunsi wa mbere zivutse.
- Onsa byonyine (ntanyunganizi) uruhinja rwawe ruri hagati y'amezi 0-6. Tangira kugaburira umwana indyo yuzuye agize amezi 6.
- Kingiza abana bawe unabarinde Malaria ukoresha inzitiramibu. Mu gihe barwaye umuuro, hamagara abajyanama b'ubuzima.
- Karaba intoki ukoresheje isabuni unakore isuku mu nzu kugira ngo urinde uruhinja rwawe udukoko twa mikorobe.

Irerero ahari ibikorwa rusange.

Ku miryango ifite abana bato bari hagati y'imyaka 0-3, VUP ishyira irerero ryimukanwa ahari site yatoranyijwe kubera imirimo rusange kugirango ababyeyi bashobore kuzana abana babo bato bari muri icyo kigero.



Ibyiza by'irerero ryimukanwa:

- Abana bato bazajya bitabwaho n'abarezi babihuguriwe mu gihe urimo ukora.
- Irerero ryimukanwa rifite isuku kandi rizajya ritanga igaburo ku bana bafite kuva ku mezi 6 kuzamura, bitewe n'inkunga utanga ku giciro cy'ibiryo .
- Irerero ryimukanwa riri hafi yahari site y'imirimo rusange. Niba uri umubyeyi wonsa, ushobora kwonsa umwana wawe mu gihe cy'ibiruhuko.
- Ushobora kwiga ibyerekeye kurera ubifashijwemo n'umubyeyi uhagarariye abandi n'abarezi ba bana babihuguriwe.